

Ihame ry'ubuyobozi mu Guhangara



***“Gusubizanya ineza bihoshya uburakari,
Ariko ijambo ribabaza ribyutsa umujinya.” Imigani 15:1***

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Iyo duhangawe n' umuntu, akenshi dukunze kwihagararaho ndetse tukana-tongana kuko tutifuzaga kugaragaraho amakosa. Burya kwemera amakosa ni uguca bugufi, kandi bikanda ubwibone bwacu. Dukunze kwihagararaho kabone nubwo twaba turi mu mafuti cyangwa twakabije ukuri. Nta muntu n' umwe utagira amakosa, ariko twese twiyumvisha ko dufite ukuri mu bihe byose. Nyamara kuri twese ugasanga ukuri kutuzuye. Ni ibi ngibi rero “ukuri kutuzuye” bidushyira mu kaga. Dore impamvu zibitera :

1. Iyo twumva dufite amakuru atuzuye, turengaho maze tukavugana na kanwa kacu ibyo twishakiye.
2. Iyo twamaze kuvugana uko tubyumva, tukiyemeza noneho gusobanura amagambo twavuze. Ntabwo byoroshye kwemera ko turi mu mafuti.

Ntidushobora kugira itumanaho ryiza hatabayeho umubano mwiza. Umubano mwiza uduha uburenganzira bwo gutambutsa ibitekerezo byacu ntawe dutokoye. Itumanaho ribi rero ryangiza umubano, ritakaza igihe n'imbaraga zacu, kandi riratubangamira iyo gukemura ibibazo.

Nibyo, dushobora gutsinda urubanza, ariko tugatakaza igitekerezo twifuzaga kuvugana, tutavuze no gutakaza inshuti yawe. Iyo twagize ibyo tutemeranyaho—dore ko twese bitubaho—ntabwo biri ngobwa ko “twemeranya nibitagenda hutihuti” (matayo 5:25), kandi ni byiza ko twayobora imvugo dukoresha. “Gusubizanya ineza” bicu-bya umujinya. Iyo igisubizo cyacu gitujye, bagenzi bacu bazatwubaha ndetse bumve igitekerezo dufite. Ibi biduha amahirwe yo gukomeza iki-

ganiro. Biratangaje rero uburyo amagambo agira imbaraga iyo akoresha n'abantu bazi kuyakoresha. Nk'ijambo “mbabarira” rirakomeye cyane, ariko iyo rivuye mu mvugo iganje ineza, aya magambo yuje ubwuzu. Igisubizo gitujye cyoroshye kirenze imbunda za burende n'imbunda.

Hari ibibazo bitatu tugomba kwibaza mbere yuko tujya mu kiganiro mpaka:

1. Ese naba nzi kuri iki kiganiro birangana iki? Ntuzishyire hejuru, ngo werekane ko ufite umwete imyumvire yo kwiyemera, ahubwo cisha make maze uze kubatangura.
2. Ese amaranga mutima yanjye nya nshobora kuyayobora? Ntukajye wemera ko umujinya ugufata uko wishakiye, ujye uhumeza neza mbere y'uko usubiza ikibazo.
3. Ese naba nzi igihe cyo kuvugana aya magambo, ushobora kuba uri mu kuri!” cyangwa se “ icyo uvuze kiranyuze!” Abatangazamakuru bese bamenya kwicisha bugufi. Kandi burya ntacyo bitwaye kuvugana uti “ntabyo nzi” cyangwa “Ntabwo mbizi neza.”

Uburyo dukoresha amagambo bishobora kugena amahoro cyangwa intambara, inshuti cg abanzi, hamwe no gutsinda cg gustindwa mu buzima.

Jya wibuka ko biba byiza kugira aho ubariza kurusha kuba ntaho ubarizwa. Umuntu uzi “aba azi ko afite icyo azi” ntabwo agomba gusakuza cyangwa ngo arakare. Iyo bimubayeho, bishobora kuba ari ikimenyetso cy'urwicyekwe. Bitera ipfunwe cyane rero kuvugira hejuru kandi uri mu mafuti.

Dushobora kwirinda ibibazo byinshi kandi tukagira umusaruro mwinshi dutanga ibisubizo byoroheje ku bantu bavugana nabi kandi bafite uburakari. Iyo ibiganiro byubakira ubushyuke kurusha ubumwe, biba ari cyo gihe cyo gutanga igitekerezo cyoroshye maze ukareka abaguhangaye guheranwa n'urusaku rwabo. Biba byiza kandi igihe cyose kurangiza ikiganiro cyawe n'umwanzuro wiyubashye.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibibazo byo kwibazaho:

Uburyo bwiza bwo gutsinda ni ukwibagirwa ko wigize gutsinda.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed